No Special 232 Mars2021

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## KOMISIYO Z'IHURIRO ZASUZUMYE ZINEMEZA RAPORO Y'IBIKORWA BYA MANDA YAZO Y'IMYAKA ITATU *WERURWE 2018 - WERURWE 2021*

Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki rihuza Imitwe ya Politiki kugira ngo ishobore kungurana ibitekerezo no kubaka ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu. Ihuriro riteganywa n'ingingo ya 59 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, ryavuguruwe mu 2015.
Ihuriro rifite inzego eshatu zirimo Inama rusange, Biro n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

Mu mikorere yaryo, Ihuriro rifite Komisiyo eshatu (3) zihoraho, nk'uko ziteganywa n'ingingo ya 38 y'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro yo ku wa 27 Ukuboza 2018, arizo Komisiyo Mbonezabupfura no Gukemura Amakimbirane; Komisiyo Ishinzwe Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'Izindi Nzego; Komisiyo Ishinzwe Itumanaho no Kungurana Ibitekerezo.

Iyi numero y'Akanyanyamakuru Makuru ki mu Ihuriro, iragaragaza incamake ya raporo y'ibikorwa by'ingenzi bya buri Komisiyo yagezeho mu gihe cya manda y'imyaka itatu (Werurwe 2018 - Werurwe 2021) nk'uko zasuzumwe zikanemezwa mu nama zazo zateranye muri Gashyantare—Werurwe 2021.

## KOMISIYO MBONEZABUPFURA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE YEMEJE RAPORO Y'IBIKORWA YA MANDA YAYO Y'IMYAKA ITATU *WERURWE 2018 - WERURWE 2021*

Muri iyi myaka itatu ya manda(2021-2026), Komisiyo Mbonezabupfura, no gukemura amakimbirane yageze ku bikorwa binyuranye, birimo:
**Gutegura inama y'umunsi umwe yahuje Komisiyo zose z'Ihuriro ku Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki rivuguruye.**
Nyuma y'uko Itegeko Ngenga n° 10/2013 ryo ku wa 11 /07/2013, rihinduriwe n'Itegeko Ngenga n° 005/2018 ryo ku wa 30 /08/2018 rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki, Ihuriro ryateguye inama y'umunsi umwe yahuje abagize Komisiyo zihoraho z'Ihuriro, abayobozi mu Mitwe ya Politiki bashinzwe amategeko, abakozi bahoraho mu Mitwe ya politiki, n'abahagarariye Urwego rw'Umuvunyi. Iyi nama yateguwe ku bufatanye bw'Ihuriro n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere, ikaba yari igamije gusobanurira abayitabiriye ingingo z'amategeko zahindutse mu Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'banyapolitiki. Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane, ikaba yaragize uruhare mu itegurwa ry'iyi nama.
**Kuvugurura Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro yemejwe n'Inama Rusange yo ku wa 27 Ukuboza 2018.** Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane yavuguruye Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro. Inama Rusange y'Ihuriro yo ku itariki ya 27 Ukuboza 2018, mu nama yayo isanzwe yasuzumye kandi yemeza Amategeko Ngengamikorere avuguruye y' Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki. Aya mategeko ngengamikorere y'Ihuriro akaba yatangajwe agasohoka mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Kuvugurura Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo yemejwe n'Inama Rusange y'Ihuriro yo ku wa 28 Werurwe 2019.** Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane yavuguruye Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo**.** Inama Rusange y'Ihuriro, yo ku itariki ya 28 Werurwe 2019, yemeje **Indangamyitwarire y'Imitwe ya Politiki n'abayoboke bayo,** ivuguruye**.**
**Gutegura amahugurwa ya Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki ku rwego rw'Igihugu n'ayo k'urwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali.**

Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane, yagize uruhare mu gutegura no kuyobora amahugurwa ya Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki ku rwego rw'Igihugu no ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali. Amahugurwa yo ku rwego rw'Igihugu yabaye tariki ya 31 Gicurasi 2019, abera muri Hotel GORILLAS / Nyarutarama mu Mujyi wa Kigali; yitabirwa na Perezida wa Komite ishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane muri buri Mutwe wa Politiki, Umunyamategeko wa buri Mutwe wa Politiki, abagize Komisiyo Mbonezabupfura y'Ihuriro, n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB).
Amahugurwa yibanze ku ***Ibyahindutse mu Mategeko agenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki.*** Naho amahugurwa yo ku rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali, yabaye tariki ya 20 Ugushyingo 2020, abera muri Hotel Lemigo mu Mujyi wa Kigali; yitabirwa n'abantu 55 bakuriye Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya Politiki, ku rwego rw'Intara n'urw'Umujyi wa Kigali.
**Kuvugurura Igitabo cy'Uburyo bw'imiyoborere n'icungamutungo cy'Ihuriro.** Nyuma yo kuvugurura Inyandiko z'amategeko zigenga Ihuriro, Inama Rusange yemeje ko havugururwa n'Igitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'icungamutungo cy'Ihuriro. Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane yateranye mu nama zayo zisanzwe n'izidasanzwe itangira kuvugurura iki gitabo. Igikorwa cyo kuvugurura Igitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'imicungire y'imari n'umutungo by'Ihuriro, kirakomeje.
Komisiyo ikaba yishimira ibyo yagezeho muri manda yayo y'imyaka itatu, (2016-2021).

## KOMISIYO ISHINZWE GAHUNDA, IBIKORWA BY'IHURIRO N'UBUFATANYE N'IZINDI NZEGO YEMEJE RAPORO Y'IBIKORWA YA MANDA YAYO Y'IMYAKA ITATU

*WERURWE 2018 - WERURWE 2021*

Muri iyi myaka itatu ya manda(2021-2026), Komisiyo ya Gahunda, Ibikorwa by'Ihuriro n'Ubufatanye n'izindi Nzego yageze ku bikorwa binyuranye, birimo:

**Gusuzuma inyandiko y'isesengura ry'ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi ry'Ihuriro mu myaka ibiri n'igice (Nyakanga 2016 - Ukuboza 2018) no mu myaka itanu (Nyakanga 2016 - Kamena 2021).** Komisiyo yasuzumye inyandiko y'isesengura ryakozwe ku myaka ibiri n'igice, ikaba yaranagejejweho aho isuzuma ry'ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi ry'imyaka itanu (2016-2021) rigeze.

**Gusuzuma no kwemeza Inyandiko ya Gahunda y'Ihuriro y'igihe kirekire yo kongerera ubushobozi Imitwe ya Politiki iri mu Ihuriro (*NFPO Long Term Capacity Building for Political Parties members of the Forum).*** Komisiyo yagize uruhare mu gusuzuma no gutanga ibitekerezo byafashije mu gutegura iyi nyandiko; ikaba yaremejwe n'Inzego z'Ihuriro.

**Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro.** Komisiyo yasuzumye raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro, bya buri mwaka w'ingengo y'imari bireba. Hasuzumwe raporo ya 2017-2018; iya 2018-2019, n'iya 2019-2020.

**Gusuzuma no gutanga ibitekerezo kuri raporo y'ubugenzuzi ku mikoreshereze n'imicungire y'imari n'umutungo by'Ihuriro buri mwaka w'ingengo y'imari.** Komisiyo yagiye isuzuma inatanga ibitekerezo kuri raporo z'ubugenzuzi bw'imari n'umutungo by'Ihuriro, yaba raporo y'umwaka ndetse na raporo y'amezi atandatu mu mwaka w'ingengo y'imari, mbere y'uko zigezwa ku Nama Rusange y'Ihuriro. Hasuzumwe raporo ya 2017-2018, iya 2018-2019, n'iya 2019-2020. Abagize Komisiyo bashimye ko imari n'umutungo by'Ihuriro byacunzwe neza, basaba ko Ihuriro ryazakomeza kugira "*clean audit report*".

**Gusesengura no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amahugurwa ategurwa n'Ihuriro.** Komisiyo yagiye itanga inama ku mitegurire myiza y'amahugurwa anyuranye ategurwa n'Ihuriro. Muri yo twavuga nk'amahugurwa y'urubyiruko mu bya Politiki n'imiyoborere (Youth Political Leadership Academy), amahugurwa y'Urugagara rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki na *"Summer School for Youth Cadres of Political Parties*", aya akaba ategurwa ku bufatanye n'Umuryango International IDEA n'African Union.

**Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'ubufatanye Ihuriro rifitanye n'abafatanyabikorwa.** Komisiyo yagiye igira umwanya wo kuganira ku ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano, Ihuriro rifitanye na UNDP ndetse n'ayo ryari rifitanye n'umuryango International IDEA, igatanga inama z'uburyo ayo masezerano yakomeza, ndetse no gushaka abandi bafatanyabikorwa.

**Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibikorwa by'Ihuriro bya buri mwaka.** Muri iyi myaka itatu, mu nama zayo zisanzwe, Komisiyo yagiye igezwaho uko ibikorwa by'Ihuriro bya buri gihembwe n'ibya buri mwaka bishyirwa mu bikorwa, igatanga inama z'uburyo byarushaho kunozwa, kugira ngo ibikorwa bikubiye mu Igenamigambi ry'Ihuriro, iby'umwaka n'ibya buri gihembwe bizagerweho nk'uko byabaga biteganyijwe.

**Gukurikirana itegurwa ry'Inyandiko ngenderwaho yifashishwa na Komite ishinzwe igenzura ry'Umutungo mu Mutwe wa Politiki.** Hashingiwe ku busabe bw'abagize Komite zishinzwe igenzura ry'Umutungo mu Mutwe wa Politiki, hateguwe inyandiko ngenderwaho izajya yifashishwa n'abagize izo Komite mu kurangiza neza inshingano zazo. Komisiyo yatanze ibitekerezo byafashije mu kunoza iyo nyandiko. Iyi nyandiko ikaba yarateguwe ku bufatanye bw'Ihuriro, Urwego rw'Umuvunyi, n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere (RGB).

**Gusuzuma no gutanga inama ku nyandiko y'Ingamba zo kongera umutungo n'imari by'Ihuriro/ *NFPO Resources Mobilization Strategy***

Mu rwego rwo gushaka uburyo imari n'umutungo by'Ihuriro byajya byiyongera buri mwaka, Ihuriro ryateguye inyandiko y'ingamba izajya ishingirwaho mu gushaka abafatanyabikorwa n'abaterankunga banyuranye bashyigikira ibikorwa by'Ihuriro. Komisiyo yagize uruhare mu gusuzuma no gutanga ibitekerezo byafashije mu kunoza iyo nyandiko, mbere y'uko yemezwa n'Inzego z'Ihuriro zibifitye ububasha.

Komisiyo ikaba yishimira ibyo yagezeho muri manda yayo y'imyaka itatu, ibitaragezweho bitewe n'amikoro macye cyangwa kubahiriza ingamba wo kwirinda icyorezo cya COVID 19, bizitabwaho mu igenamigambi rishya (2021-2026) Ihuriro riri gutegura.

## KOMISIYO ISHINZWE ITUMANAHO NO KUNGURANA IBITEKEREZO YEMEJE RAPORO Y'IBIKORWA YA MANDA YAYO Y'IMYAKA ITATU

*WERURWE 2018 - WERURWE 2021*

Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe Itumanaho no kungurana ibitekerezo, muri manda yayo y'imyaka itatu (2021-2026) yageze ku bikorwa binyuranye, birimo:

**Gutegura insanganyamatsiko z'ibiganiro biganirwaho mu Nama z'Inama Rusange y'Ihuriro.** Mu biganiro byabaye twavuga nk'ikiganiro kuri Politiki n'ingamba z'Igihugu zo kurwanya ibiyobyabwenge; ikiganiro kuri Politiki n'ingamba z'Igihugu zo gukumira no kurwanya ruswa n'akarengane; Politiki n'ingamba z'Igihugu zo guteza imbere ubukerarugendo no gukurura abashoramari.

**Gutegura ikiganiro ngarukamwaka kinyura kuri Radiyo ku munsi mukuru w'ubwigenge bw'u Rwanda, tariki ya 01 Nyakanga.** Ikiganiro cyo ku itariki ya 01 Nyakanga 2020, cyibanze ku "*Uruhare rw'Ihuriro mu cyerekezo 2050*"; icyo muri 2019 cyibanda ku "*Imitwe ya politiki mbere na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994*"**;** naho icyo muri 2018 cyibanze ku "Uruhare rw'Imitwe ya Politiki mu guteza imbere demokarasi u Rwanda rwahisemo"

**Gutegura inama nyunguranabitekerezo.** Hateguwe inama nyunguranabitekerezo zikurikira:

- *Inama nyunguranabitekerezo ku Itegeko Ngenga rigenga Imitwe ya Politiki n'abanyapolitiki.* Iyi yabaye tariki ya 30 Ugushyingo 2018;
- *Inama nyunguranabitekerezo ku Imikoranire y'Umunyapolitiki n'Itangazamakuru.* Iyi yabaye tariki ya 15 Werurwe 2019;
- *Inama nyunguranabitekerezo ku "Uruhare rw'Ihuriro mu kubaka demokarasi ishingiye ku bwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu*". Iyi yabaye tariki ya 19 Ukuboza 2018.

**Gukurikirana imitegurire y'ikimenyetso cyo kwibuka kizashyirwa ku Biro by'Ihuriro**

Inama Rusange y'Ihuriro yo ku wa 28 Werurwe 2019, yemeje ubutumwa buzandikwa ku kimenyetso cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi kizashyirwa ku cyicaro cy'Ihuriro, yemeje ubutumwa bukurikira bwari bwatanzwe na Komisiyo: "***Twebwe abagize Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki twamaganye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, duharanira imiyoborere myiza"***.

**Gukurikirana ivugururwa rya Website y'Ihuriro.** Mu rwego rwo gutuma Webesite y'Ihuriro ishyirwaho amakuru agaragaza ibikorwa by'Ihuriro n'iby'abafatanyabikorwa baryo**,** Ihuriro ryavuguruye Website yaryo, Komisiyo ikaba yarakurikiranye iki gikorwa.

**Gutegura Filimi mbarankuru (Films documentaires) zivuga ibikorwa by'Ihuriro**

Komisiyo yatanze inama ku itegurwa rya filimi mbarankuru zivuga ku bikorwa by'Ihuriro. Hakozwe Filimi mbarankuru *k'Uruhare rw'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki mu kubaka demokarasi ishingiye ku bwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu,* na Filimi mbarankuru ku *Inganzo y'ibitekerezo bya politiki y'u Rwanda (Rwanda's political philosophy and national consciousness)*.

**Gukurikirana no gutanga ibitekerezo ku itegurwa rya *"NFPO Communication Strategy".*** Komisiyo yatanze inama ku itegurwa ry' inyandiko y'Ingamba z'Ihuriro mu ihanahanamakuru n'itumanaho /NFPO Communication Strategy. Iyi nyandiko ikaba yaremejwe n'Inzego z'Ihuriro; ikaba igamije kunoza uburyo bw'ihanahanamakuru mu Ihuriro, no kumenyekanisha ibikorwa byaryo.

**Gutegura amahugurwa ku buryo bw'ihanahanamakuru mu Mutwe wa Politiki** (Training on effective communication within political party - Inter party dialogue). Aya mahugurwa yabaye tariki ya 30 Ukwakira 2020, yitabirwa n'abantu 63 barimo Umuyobozi ushinzwe itumanaho mu Mutwe wa Politiki, Ushinzwe ubukangurambaga, Ukuriye Urugaga rw'Urubyiruko, Ukuriye Urugaga rw'abagore rushamikiye ku Mutwe wa Politiki, n' abagize Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe Itumanaho no Kungurana ibitekerezo.

**Gukurikirana imitegurire y'amahugurwa ku buryo bw'ikoranabuhanga rya WEBEX.** Aya mahugurwa yabaye ku matariki ya 20 na 26 Kanama 2020, yateguwe ku bufatanye bw'Ihuriro n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ikoranabuhanga mu Itumanaho n'Isakazabumenyi (RISA), yitabirwa n'intumwa z'Imitwe ya Politiki 22.

Komisiyo ikaba yishimira ibyo yagezeho muri manda yayo y'imyaka itatu.